Kagame, Mpayimana na Habineza nibo bakandida ku mwanya wa PEREZIDA

Yashyizwe ku rubuga na CHIEF EDITOR Kuwa *07/07/2017*

Komisiyo y'igihugu y'amatora imaze kwemeza ku buryo ntakuka Abakandida bazahatana ku mwanya w'umukuru w'igihugu mu matora yo mu kwezi gutaha. Paul Kagame, Philippe Mpayimana na Frank Habineza nibo bazahatana muri aya matora.

Paul Kagame, Philippe Mpayimana na Frank Habineza nibo bazahatana

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora Prof Kalisa Mbanda mu minota micye yamaranye n'abanyamakuru yavuze ko Inama y'Abakomiseri ba Komisiyo y'Amatora nyuma yo kwakira Abakandida batandatu (6) yasesenguye Kandidatire zabo n'ibiziherekeje.

Ati *"Hashingiwe ku biteganwa n'ingingo ya 99 y'Itegeko Nshinga ry'u Rwanda nk'uko ryavuguruwe mu 2015, n'ingingo ya 82 n'iya 83 z'itegeko ryo mu 2010 rigenga amatora,…inama y'abakomiseri itangarije Abanyarwanda ko Abakandida bemejwe burundu ari Habineza Frank watanzwe n'ishyaka Democratic Green Party of Rwanda, Mpayimana Philippe umukandida wigenga na Paul Kagame watanzwe n'Umuryango FPR-Inkotanyi."*

Prof Mbanda yavuze ko abandi Bakandida batatu batemejwe ari uko batujuje ibiteganywa n'amategeko, abo ni Mwenedata Gilbert utarujuje imikono **600** isabwa kuko ngo afite **522,** kandi akaba nta mukono n'umwe wemewe yakuye mu Karere ka Burera kandi akaba yarashyize ku rutonde rw'abamusinyiye umuntu wapfuye.

Undi ni Barafinda Sekikubo Fred, nawe utarujuje imikono **600** kuko ngo afite imikono **362**, kandi akaba adafite imikono 12 mu Turere **18,** kandi ntafite icyemezo cy'ubwenegihugu bw'inkomoko nk'uko byavuzwe na Prof Mbanda.

Ati *“Undi utaremejwe ni Madamazera Rwigara Nshimyimana Diane ntafite imikono **600** isabwa y’abamushyigikira, afite **572,** kandi yifashishije amakarita y’itora ataragera kuri ban yirayo, mu mikono y’abamushyigikiye harimo abitabye Imana, yifashishije kandi inyandiko z’umutwe wa Politike PS-Imberakuri mu gukusanya imikono y’abamushyigikiye, ibi bikaba byerekana ko atari **indakemwa mu myifatire**.”*

Bakimara gutangazwa, Ishyaka Democratic Green Party of Rwanda rya Frank Habineza ryahise ritangaza ko ryishimiye ko kuva 2003 ku nshuro ya mbere ishyaka ritavuga rumwe na Leta rigiye guhatana mu matora y’umukuru w’igihugu.

Philippe Mpayimana we yatangaje ko afite ikiganiro n’abanyamakuru aho ari mu Bufaransa, ndetse biteganyijwe ko nagera no mu Rwanda nabwo azagira ikiganiro n’abanyamakuru.

Ku ruhande rw’abatemerewe kwiyamamaza, Barafinda S. Fred we yatangarije Umuseke ko

kuba atari mu baziyamamaza Abanyarwanda bahombye byinshi yariho abateganyiriza.

Perezida wa Komisiyo y’amatora atangaza ibyo inama y’abakomiseri yemeje kuri batandatu bifuzaga kuba abakandida

Komisiyo y’amatora yakemanze **ubunyangamugayo** bwa Diane Rwigara ngo wakoresheje indangamuntu z’abantu bapfuye mu kuzuza iriya mikono 600

Venuste KAMANZI
UMUSEKE.RW